



Gashyantare 2021

Ikinyarwanda

Nanjye rero singuciriye urubanza!

(Yoh 8,11)

Kontakt:

Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174

Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432

Mail:

meinolf.wacker@go4peace.eu

Homepage

www.go4peace.eu

Wica urubanza! Don't judge!

Nshuti bakunzi ba go4peace,

yari akiri muto kandi muri icyo gihe yari mu rukundo cyane. Birumvika ko yifuzaga kugira umwanya amarana n'umukunzi we. Ibi byose rero byarabaye n'ubwo batari barashakanye ndetse umwe muri bo akaba yari yarashatse. Abigishamategeko n'abafarizayi bari bamufatiye muri icyo gikorwa. Ni uko baramukurubana bamuzana imbere ya Yezu wariho yigishiriza mu ngoro. Byari ugupfa cyangwa gukira.

Amategeko y'abayahudi ateguka ko uwafatiwe mu cyaha nk'icyo ahanishwa guterwa amabuye kugeza apfuye. N'ubwoba bwinshi, yari ahagaze aho, yatanzwe adafite kirengera. Ese Yezu amurengere bityo yiyemeze kwica amategeko? Barahita bamushinja kutubahiriza amategeko. Yubahirize itegeko se hanyuma uwo mugore aryozwe ibyo yakoze? Yezu ahitamo gukora nk'umwigisha w'inzobere. Yubahiriza itegeko ariko kandi afata indererwamo ayitereka imbere y'abashinjacyaha ni uko arababwira ati: „Muri mwe udafite icyaha, ngaho namubanze ibuye!“ Bumvise avuze atyo, batangira kugenda umwe umwe bahereye ku basaza. Bumvise bafashwe kuko bose bari bazi neza ko inshuro nyinshi barenze ku mategeko.

Ni uko Yezu asigarana na wa mugore bonyine. Nta n'umwe muri abo bategetsi b'abayahugi watinyutse kumucira urubanza. Yezu arahaguruka maze aramwunamurira. Amufasha kumenya Imana by'ukuri, kumenya imbabazi zayo z'igisagirane: „Nanjye rero singuciriye urubanza!“ Ku bwingabire y'urukundo ruhebuje ahabwa andi mahirwe yo kubaho.

Na Yozefu, umusore muto w'umunyabugeni yakorewe amahano n'abamurwanyaga. Baramusebeje bamubeshyera ni uko barangije bamushyira hanze. Igihe cyose yahuraga n'ingorane nk'izo, yahitaga kwiherera, akajya ahantu ha wenyine akamara umwanya acecetse. Yirindaga ko ibintu bibi by'urucantegere bimukoresha bikamuroga. Ibyo byamufashaga gukomeza kubana n'abandi. Umunsi umwe bamubajije uko abigenza aravuga ati: „Nkenera igihe kinini hamwe nanjye ubwanjye kugira ngo mbashe gukacanga amagorwa yose nyuramo ariko ndi mu Maso y'Imana. Nyuma yaho ni bwo nshobora kurenga ibyo byose. Ntibiba bikinyoboye ukundi. Byose bisubira kuba byiza ku buryo mba ntagikeneye kugira uwo ncira urubanza!“ Ushaka gufasha ko ubuzima bukomeza, kandi ushaka kubona ubuzima nyabwo, abusangamo iyi nama nziza: **“Wica urubanza!”** – „Don't judge!“

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker